

O. G. n° 24 of 15/12/2008

ITEGEKO NGENGA N° 61/2008 RYO KU WA 10/09/2008 RIGENA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI MU NZEGO ZA LETA

ORGANIC LAW N° 61/2008 OF 10/09/2008 ON THE LEADERSHIP CODE OF CONDUCT

LOI ORGANIQUE N° 61/2008 DU 10/09/2008 PORTANT CODE DE CONDUITE DES AUTORITES DES INSTITUTIONS PUBLIQUES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko ngenga rigamije

Article One: Purpose of this Organic Law

Article premier : Objet de la présente loi organique

Ingingo ya 2: Abo iri tegeko ngenga rireba

Article 2: Persons governed by this Organic Law

Article 2: Autorités auxquelles la présente loi organique s'applique

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definition of terms

Article 3: Définitions des termes

UMUTWE WA II: IBIRANGA UMUNTU USHOBORA KUBA UMUYOBOZI

CHAPTER II: QUALITIES OF A LEADER

CHAPITRE II : CARACTERISTIQUES D'UNE AUTORITE

Ingingo ya 4: Ibikorikizwa mu gushyira abantu mu myanya y'ubuyobozi

Article 4: Considerations when appointing leaders

Article 4: Critères de nomination au poste de responsabilité

UMUTWE WA III: IMYIFATIRE IGOMBA GUHORA IRANGA UMUYOBOZI

CHAPTER III: CODE OF CONDUCT FOR LEADERS

CHAPITRE III : COMPORTEMENT DEVANT CONSTAMMENT CARACTERISER UNE AUTORITE

Ingingo ya 5: Amategeko n'amahame umuyobozi agomba kubahiriza

Article 5: Rules and principles that a leader must respect

Article 5: Lois et principes qu'une autorité doit observer

Ingingo ya 6: Imyitwarire myiza igomba kuranga umuyobozi

Article 6: Good conduct that must characterize a leader

Article 6: Bonne conduite devant caractériser une autorité

Ingingo ya 7: Amabwiriza yihariye agenga imyifatire n'imikorere y'abayobozi n'abakozi ba buri rwego

Article 7: Special guidelines governing conduct for leaders and staff of each organ

Article 7: Code de conduite et de performances des autorités et des agents de chaque organe

UMUTWE WA IV: IMYITWARIRE N'IBIKORWA UMUYOBOZI ABUJJIWE

CHAPTER IV: CONDUCT AND PROHIBITED ACTS

CHAPITRE IV : COMPORTEMENTS ET ACTIVITES INTERDITS AUX AUTORITES

Ingingo ya 8: Ibibujijwe umuyobozi byakurura ivangura cyangwa amacakubiri

Article 8: Discriminative or segregate acts

Article 8: Agissements susceptibles d'entraîner la discrimination et le divisionnisme

Ingingo ya 9: Ibindi umuyobozi abujijwe

Article 9: Other prohibitions

Article 9: Autres agissements interdits à l'autorité

Article 10: Offering and acceptance of a

Article 10: Donner et accepter des dons ou des offrandes

*O. G. n° 24 of 15/12/2008*

donation or gift

Ingingo ya 10: Itangwa n'iyakira ry'impano cyangwa amaturo

Ingingo ya 11: Amategeko ngengamikorere agenga imyifatire y'abayobozi

UMUTWE WA V:  
KUTABANGIKANYA IMIRIMO

Ingingo ya 12: Ibitabangikanywa

Ingingo ya 13: Amasezerano umuyobozi atemerewe

Ingingo ya 14: Imirimo ibujijwe ku bayobozi, abo bashakanye no ku bana babo.

Ingingo ya 15: Imirimo ibujijwe Abayobozi Bakuru

Ingingo ya 16: Imicungire y'ibintu by'umuyobozi wakoraga umwuga w'ubucuruzi

Ingingo ya 17: Imirimo yindi y'ubuyobozi itabangikanywa

Ingingo ya 18: Imicungire y'ibigo by'abayobozi by'imyuga yigenga

MUTWE WA VI:  
IMENYEKANISHAMUTUNGO

Ingingo ya 19: Imenyekanisha ry'umutungo w'abayobozi

UMUTWE WA VII: IBIHANO  
N'UBUNDI BURYOZWE

Ingingo ya 20: Ibihano ku muyobozi uhamwa n'amakosa

Ingingo ya 21: Uburenganzira bwo kwisobanura

Ingingo ya 22: Ihanwa ry'icyaha cyo kunyereza cyangwa kwangiza umutungo wa Leta

Ingingo ya 23: Ihanwa ry'icyaha cy'umuyobozi washyize inyungu z'amahanga imbere y'iz'u Rwanda

Article 11: Internal Regulations governing code of conduct of leaders

CHAPTER V: INCOMPATIBILITIES IN RELATION TO WORK

Article 12: Incompatibilities

Article 13: Prohibited agreements

Article 14: Prohibited acts in respect to leaders, spouses and children

Article 15: Prohibited activities in respect to senior officials

Article 16: Management of property belonging to a leader who previously carried out commercial activities

Article 17: Other activities incompatible with being a leader

Article 18: Management of liberal professional businesses

CHAPTER VI: DECLARATION OF PROPERTY

Article 19: Declaration of assets for leaders

CHAPTER VII: SANCTIONS AND OTHER LIABILITIES

Article 20: Sanctions for a guilty leader

Article 21: Right to defence

Article 22: Penalty for embezzlement or destruction of public property

Article 23: Penalty for putting foreign interests before those of Rwanda

Article 24: Penalty for dishonouring a State and Government

Article 11 : Règlements d'ordre intérieur régissant la conduite des autorités

CHAPITRE V :  
INCOMPATIBILITE  
DES FONCTIONS

Article 12 : Incompatibilités

Article 13 : Contrats interdits à une autorité

Article 14 : Des activités interdites aux autorités, à leurs conjoints et à leurs enfants

Article 15 : Activités interdites aux autorités de rang supérieur

Article 16 : Gestion des biens d'une autorité qui exerçait une profession commerciale

Article 17 : Autres incompatibilités avec les fonctions des autorités

Article 18 : Gestion des cabinets de profession libéral appartenant aux autorités

CHAPITRE VI : DECLARATION DU PATRIMOINE

Article 19 : Déclaration sur l'honneur des biens des autorités

CHAPITRE VII : SANCTIONS ET AUTRES RESPONSABILITES

Article 20 : Sanctions pour une autorité reconnue coupable

Article 21 : Droit de défense

Article 22 : Sanction d'une infraction de détournement ou d'abus du patrimoine de l'Etat

Article 23 : Peine de l'infraction de privilégier les intérêts des pays étrangers au détriment de ceux du Rwanda

Article 24 : Peine contre une autorité ayant terni l'image de l'Etat et du Gouvernement

*O. G. n° 24 of 15/12/2008*

Ingingo ya 24: Ihanwa ry'icyaha cy'umuyobozi wasebeje Igihugu na Leta

Article 25: Offences related to ethics and penalties

Article 25 : Fautes de conduite et sanctions

Ingingo ya 25: Ibyaha by'imyitwarire n'ibihano byabyo

Article 26: Penalty for revealing work secrets

Article 26 : Peines pour divulgation de secret professionnel

Ingingo ya 26: Ihanwa ry'icyaha cyo kumena ibanga ry'akazi

Article 27: Penalty for doing acts incompatible with the job

Article 27: Peines contre l'autorité se livrant aux emplois incompatibles

Ingingo ya 27: Ibihano bihabwa umuyobozi ubangikanya imirimo ibujijwe

Article 28: Penalty for holding out to occupy a position for which he/she was suspended from

Article 28: Peine contre une autorité coupable d'usurpation des fonctions auxquelles elle a été suspendue

Ingingo ya 28: Ibihano bihabwa uwahoze ari umuyobozi wiyitiriye umurimo yahagaritsweho

Article 29: Penalty related to declaration of assets

Article 29: Peines relatives à la déclaration des biens sur honneur

Ingingo ya 29: Ibihano byerekeye imenyekanishamutungo

Article 30: Penalty for not denouncing bad conduct of leaders

Article 30: Peine contre les personnes n'ayant pas dénoncé les mauvais comportements des autorités

Ingingo ya 30: Ibihano by'abahishiriye imyifatire mibi y'abayobozi

Article 31: Appeal

Article 31: Recours

Ingingo ya 31: Ubujurire

Article 32: Seizure of illegally acquired property

Article 32: Saisie des biens obtenus de façon illicite

Ingingo ya 32: Ifatira ry'umutungo wabonetse mu buryo bubujijwe

Article 33: Penalty for defamation, degrading or time consuming

Article 33: Peine contre l'autorité fournissant des informations dénigrantes, déshonorantes ou usant de manœuvres dilatoires

Ingingo ya 33: Ihanwa ry'icyaha ku muyobozi usebanya, utesha agaciro cyangwa utesha igihe

Article 34: Protection for informers and witnesses

Article 34: Protection des informateurs et des témoins

Ingingo ya 34: Kurinda umutekano w'abatanze amakuru n'abatanze ubuhamya

**CHAPTER VIII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**UMUTWE WA VIII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA.**

Article 35: Institutions with specific codes of conduct and the Office of Ombudsman.

Article 35: Instances dotées du code de conduite particulier et l'Office de l'Ombudsman

Ingingo ya 35: Inzego zisanganywe amategeko y'imyitwarire yihariye n'Urwego rw'Umuvunyi

Article 36: Organ responsible for the implementation of this Organic Law.

Article 36: Organe de suivi du respect de la présente loi organique

Ingingo ya 36: Urwego rushinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'iri tegeko ngenga

Article 37: Transitional period for members of the Board of Directors

Article 37 : Période de transition au Conseil d'Administration

Ingingo ya 37: Igihe cy'inzibacyuho mu nama y'Ubuyobozi

Article 38: Abrogating provisions

Article 38: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 38: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko ngenga

Article 39: Commencement

Article 39: Entrée en vigueur

Ingingo ya 39: Igihe itegeko ngenga ritangira gukurikizwa

*O. G. n° 24 of 15/12/2008*

**ITEGEKO NGENGA N° 61/2008 RYO KUWA 10/09/2008 RIGENA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI MU NZEGO ZA LETA**

**ORGANIC LAW N° 61/2008 OF 10/09/2008 ON THE LEADERSHIP CODE OF CONDUCT**

**LOI ORGANIQUE N° 61/2008 DU CODE DE CONDUITE DES INSTITUTIONS PUBLIQUES**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMUJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.**

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET PROMULGUONS LA LOI EN TOUTE CONVICTION. LE TENEUR SUIT ET ORIENTÉ. LA LOI EST PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DU RWANDA.**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 22 Nyakanga 2008;

The Chamber of Deputies, in its session of 22 July 2008;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 23 Nyakanga 2008;

The Senate, in its sessions of 23 July 2008;

Ishingiyeye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 32, iya 45, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 118, n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 32, 45, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118 and 201.

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Organic Law**

**Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko ngenga rigamije**

The purpose of this Organic Law is to provide for minimum standard of behavior and conduct for leaders in the country in order to gain moral authority capable of leading society in a manner respectable of the law.

Iri tegeko ngenga rigamije gufasha Igihugu kugira abayobozi b'inyangamugayo, b'intangarugero banafite ubushobozi buhagije kugira ngo bibaheshe icyubahiro n'ububasha bwo kuyobora abandi mu buryo bwubahiriza amategeko.

**Article 2: Persons governed by this Organic Law**

**Ingingo ya 2: Abo iri tegeko ngenga rireba**

This Organic Law shall apply to heads of public institutions, Government services and institutions governed by statutes, or people holding political offices.

Iri tegeko ngenga rireba muri rusange abayobozi b'inzeho za Leta, aba serivisi za Leta n'ab'ibigo bya Leta, bagengwa mu mirimo yabo na sitati, cyangwa bakora imirimo yo mu rwego rwa politiki.

This Organic Law shall also be a reference in relation to other laws on professional codes of conduct in specialized institutions.

Iri tegeko ngenga kandi rishingirwaho n'andi

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa session du 22 juillet 2008;

Le Sénat, en sa séance du 23 juillet 2008;

Vu la Constitution de la République Rwandaise telle que révisée à ce jour, spécialement aux articles 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95 et 201.

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi organique a pour objet de définir les règles de conduite des titulaires des fonctions publiques intègres, exemplaires et ayant une haute moralité, assurant la dignité et la compétence de ces titulaires au respect de la loi.

**Article 2: Autorités auxquelles la présente loi s'applique**

La présente loi organique s'applique aux chefs d'institutions publiques responsables des institutions de l'État, des établissements publics, qu'elles soient régies par des lois ou des règlements politiques.

Sont également rattachées à la présente loi organique régissant le code de conduite au sein des institutions publiques.

La présente loi régit en particulier les chefs d'institutions publiques régies par les articles 2° et 3° de l'article 3 de la présente loi.

**Article 3 : Définitions des termes**

Au sens de la présente loi organique, les termes ont la signification suivante :

- 1° **autorité** : toute personne exerçant des fonctions de l'exécutif ou le juge, les services rattachés chargée, directeur, chef de service ou dirigeant les autres et directeur des services.

## O. G. n° 24 of 15/12/2008

mategeko agenga imyitwarire mu nzego z'imirimu yihariye.

Iri tegeko ngenga rigenga by'umwihariko abayobozi bavugwa mu ngingo ya 3, agace ka 2° n'aka 3° tw'iri tegeko ngenga.

### Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko ngenga, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

1° **umuyobozi**: umuntu ukorera Leta wo mu rwego Nshingamategeko, Nyubahirizategeko cyangwa mu Bucamanza n'izindi nzego zizishamikiyeho, ushinze ku rwego rw'umurimo kuyobora abandi no gufata ibyemezo bigira ingaruka ku rwego rw'Igihugu, urwa serivisi, urw' ikigo cyangwa ku murimo ashinzwe;

2° **abayobozi b'ikirenga**: Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe;

3° **abayobozi bakuru**: abagize Guverinoma, abagize Inteko Ishinga Amategeko, Abacamanza mu Rukiko rw'Ikirenga n'abandi bashyirwaho n'Itaka rya Perezida n'abashyirwaho n'Itaka rya Minisitiri w'Intebe kugeza ku Muyobozi Mukuru n'abandi bari ku rwego rumwe na we;

4° **ubucuruzi**: ni imirimu yose iteganywa n'itegeko ryo ku wa 2 Kamena 1913 rigenga ubucuruzi mu Rwanda, mu ngingo yaryo ya kabiri.

5° **umucuruzi**: ni umuntu ukora ibikorwa by'ubucuruzi nk'uko biteganywa n'amategeko kandi yanditse mu gitabo cy'ubucuruzi.

6° **umutungo**: amafaranga, ibikoresho, ibihangano cyangwa ikindi kintu gifite agaciro cyaba icyimukanwa cyangwa ikitimukanwa;

7° **urwego rwa Leta**: urwego rw' umurimo urwo ari rwo rwose rwo mu butegetsi bwa Leta bwaba Nshingamategeko, Nyubahirizategeko cyangwa ubw'Ubucamanza cyangwa urwo Leta ifitemo imigabane.

8° **Urugo**: Umuryango ugizwe n'umugabo n'umugore bashakanye byemewe n'amategeko, hamwe n'abana babo batarageza ku myaka cumi n'umunani (18).

Umuryango ukomeza kubaho n'iyi bamwe mu bawugize baba batakiwurimo.

This Organic Law shall specifically apply to leaders mentioned in Article 3, point 2° and 3° of this Organic Law.

### Article 3: Definition of terms

In this Organic Law, unless the context otherwise requires-

1° **a leader**: any person holding or acting in any of the following offices of the Legislature, Executive or in the Judiciary and other related institutions who is in charge of managing other employees and taking decisions affecting the State, department, institution or job position he/she is in charge of;

2° **high ranking leaders**: President of the Republic, President of the Senate, Speaker of the Chamber of Deputies, President of the Supreme Court and the Prime Minister;

3° **senior officials**: Cabinet Ministers, Ministers of State, Members of Parliament, Judges of the Supreme Court and other officials appointed by a Presidential Order as well as those appointed by a Prime Minister's Order to the Director General and those falling in the same job classification level;

4° **commerce**: means any activity provided in article 2 of the Law of 02 August 1913 relating to Trade.

5° **trader**: a person who is registered and carries out any activity of commerce as provided by the law.

6° **property**: money, equipment, artistic works or any other valuable movable or immovable item;

7° **public organ**; any service department in the public administration whether Legislative, Executive or Judiciary or one in which the State has shares;

8° **household**: family composed of a married couple with their children of less than eighteen (18) years;

The family shall continue to exist irrespective of parting from it of one of the members.

l'Etat, le service, l'assignées ;

2° **hautes autorités** : Président du Sénat, Président de la Cour Suprême ;

3° **autorité de rang** : Gouvernement, membres du Gouvernement Suprême et d'autres autorités de rang Présidentiel et Arrêté du Président de la République générale et à ceux du même rang ;

4° **activités commerciales** : toute activité commerciale du 02 juin 1913 relative au commerce au Rwanda, en son article 2 ;

5° **commerçant** : une personne qui exerce des activités commerciales telles que celles inscrites au registre de commerce ;

6° **biens** : argent, équipement, œuvres d'art ou autre bien précieux, meuble ou immeuble ;

7° **institution publique** : toute institution de l'administration publique ou Judiciaire ou l'organe de l'Etat ;

8° **ménage** : famille composée d'un couple marié avec leurs enfants de moins de dix-huit (18) ans ;

9° **privilégier les intérêts du Rwanda** : donner la priorité à l'administration publique, à l'administration Judiciaire ou à l'organe de l'Etat ;

10° **béni-oui-oui** : personne qui ne réfléchit pas sur les responsabilités qu'elle prend une décision, elle ne prend pas en compte la situation qu'elle n'a pas suivie ;

11° **négligent** : personne qui ne réfléchit pas sur les responsabilités qu'elle prend une décision, elle ne prend pas en compte la situation qu'elle n'a pas suivie ;

12° **opportuniste** : personne qui tire profit des situations sans avoir consenti aucun effort pour réussir. Elle évoque toujours son absence ou son em

13° **patriotisme** : sentiment de dévouement à la souveraineté de sa patrie, au sacrifice de sa vie pour l'indépendance, l'image, la défense de la patrie contre ses détracteurs ;

## O. G. n° 24 of 15/12/2008

9° **gushyira inyungu z'amahanga imbere y'iz'u Rwanda:** gushyigikira mu nyandiko, mu mvugo cyangwa mu bikorwa ibindi bihugu mu buryo bibangamira inyungu z'u Rwanda, cyangwa se kwirengagiza ku bushake ibyemezo byafashwe na Leta y'u Rwanda;

10° **nyamujiyobijya:** umuntu utajya agira uruhare rwe, ukurikira iby'abandi buri gihe. Byaba byiza, byaba bibi, arakurikira, ntashishoza ngo akore igishingiye ku cyemezo cye;

11° **tereriyo:** umuntu udafata igihe ngo atekereze, akurikirane ibyo ashinzwe. N'iyi agiye gufata icyemezo, ntabanza gusesengura kuko ntaba yakurikiranye uko ibintu byagenze cyangwa bigenda;

12° **nyamugwahashe:** umuntu uhunga ingorane, ukunda ibyiza kandi ntacyo yakoze ngo bigerweho. Agaragara iyo ibintu byatunganye, iyo hari ingorane zisaba uruhare rwe, agira impamvu zituma ataboneka;

13° **gukunda Igihugu:** guharanira ubusugire bwacyo no kugipfira bibaye ngombwa, kukivuganeza, kugihesha ishema aho uri hose no kurwanya abagisebanya, kwamagana no kurwanya ibihungabanya umutekano w'abantu n'ibintu, gufatanya n'abandi mu bikorwa bigamije iterambere ryacyo, kubungabunga umutungo kamere wacyo, kutagisahura no kurwanya abagisahura.

14° **imyuga yigenga:** Ni za serivisi z'ubumenyi n'ikorana buhanga zitangwa n'abikorera ku giti cyabo. Nk'ikigo cyo kuburanira abantu, icy'ubuvuzi n'ibindi.

### UMUTWE WA II: IBIRANGA UMUNTU USHOBORA KUBA UMUYOBOZI

#### Ingingo ya 4: Ibikorwa mu gushyira abantu mu myanya y'ubuyobozi

Mbere yo gushyira umuntu mu mwanya w'ubuyobozi, urwego rumushyiraho rugomba kwita kuri ibi bikurikira:

- 1° **gukunda Igihugu;**
- 2° **kudatesha agaciro u Rwanda n'Abanyarwanda;**

9° **putting foreign interests before those of Rwanda:** supporting in writing or verbally other countries in action in a manner that jeopardizes the interests of Rwanda or deliberately failing to respect the resolutions and the decisions taken by the Government of Rwanda;

10° **rubberstamp:** person who does not have principles, always follows decisions of others. He/she follows whatever is appropriate or not, makes no analysis to make his/her own decision;

11° **careless person:** person who takes insufficient care to make a follow up in his/her responsibilities. In case he/she takes decisions, he/she does not make any forethought because of lack of attention;

12° **opportunist:** person, who avoids difficulties, takes advantages with no efforts rendered. He surfaces when there is benefit, and not when there are difficulties that need his/her role, he/she pretends to have reasons for his/her absence;

13° **patriotism:** defending the sovereignty of the country and to die for it where necessary, promote its good image, promote its dignity anywhere and to fight those who defame it; to denounce and to fight against what causes insecurity of property and persons, collaborate with others in acts aimed at its development, conserve its natural resources; not to embezzle and to fight against those who practice embezzlement.

14° **Liberal professions:** Professional and technological services offered by private operators such as law office, medical office, etc.

### CHAPTER II: QUALITIES OF A LEADER

#### Article 4: Considerations when appointing leaders

Before the appointing authority appoints any person into a leadership position, he/she should:

- 1° **be patriotic;**
- 2° **not be one who underrates Rwanda and Rwandans;**

contre les atteintes à la dignité des personnes ; par la compromission de son développement ; l'exploitation des ressources naturelles, culturelles et combattantes ;

14° **Professions libérales** : professions technologiques prestées par un cabinet d'avocat, cabinet

### CHAPITRE II : CARACTERISTIQUES

#### Article 4 : Critères de nomination

Avant de nommer une personne à un poste, l'autorité de nomination doit s'assurer des critères suivants :

- 1° **patriotisme ;**
- 2° **ne pas ternir l'image de son pays ;**
- 3° **avoir une vision claire de son rôle et du développement national ;**
- 4° **être intègre ;**
- 5° **être de bonne conduite et avoir de bonnes relations sociales avec les autres ;**
- 6° **aimer travailler en équipe et assumer ses fonctions ;**
- 7° **ne pas avoir été reconnu coupable d'un crime ;**
- 8° **ne pas avoir été déchu de ses droits politiques ou s'il en a été privé ;**
- 9° **n'avoir jamais été condamné à l'emprisonnement d'au moins (6) mois, sans sursis ;**
- 10° **n'avoir jamais été condamné à l'emprisonnement pour une durée de plus de six mois ;**
- 11° **ne pas figurer parmi les personnes ayant plaidoyer de culpabilité ;**

### CHAPITRE III : CARACTERISTIQUES CONSTANTES

#### Article 5 : Lois et principes qui régissent

Toute autorité doit respecter la Constitution et ne pas porter atteinte à l'unité nationale, à la sécurité du pays.

#### Article 6 : Bonne conduite de l'autorité

Toute autorité doit être caractérisée par les qualités suivantes :

- 1° **patriotisme et priorité à l'intérêt national ;**
- 2° **connaître et respecter les lois et inculquer ces valeurs à ses collaborateurs ;**
- 3° **travailler dans le respect de la transparence et de l'échange ;**
- 4° **bien recevoir et comprendre les besoins des services ;**
- 5° **avoir un esprit de collaboration ;**

## O. G. n° 24 of 15/12/2008

- 3° kuba afite icyerekezo cyubaka kandi giteza imbere Igihugu;
  - 4° kuba inyangamugayo;
  - 5° kuba indakemwa mu mico, mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi;
  - 6° kuba muri rusange akunda gukora kandi ashoboye akazi agiye gushingwa ;
  - 7° kuba umuntu atarahamwe n'icyaha cy'ubusambanyi;
  - 8° kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki cyangwa yaba yarabyigeze akaba yarahanaguweho ubusembwa;
  - 9° kuba atarigeze ahanishwa igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6), nta subikagihano;
  - 10° kuba atarigeze ahabwa igihano cy'igifungo kubera icyaha cya Jenocide;
  - 11° kuba atari mu bireze bakemera icyaha cya Jenocide.
- 3° be a person with constructive and developmental vision;
  - 4° be a person of integrity;
  - 5° be a person of morals in culture, conduct and have interpersonal qualities;
  - 6° have zeal and competency;
  - 7° not have been convicted of the crime of adultery;
  - 8° not have been deprived of civil and political rights, or having been rehabilitated after conviction;
  - 9° never to have been sentenced to a term of or exceeding six months of imprisonment without parole;
  - 10° never to have been convicted of any offence connected with genocide; and
  - 11° never to have confessed to commission of the crime of genocide.
- 6° rappeler à l'ordre ses agents et leurs fonctions ;
  - 7° travailler dans l'ordre des rapports aux instances ;
  - 8° être exemplaire en théorie ;
  - 9° s'appliquer au travail et
  - 10° sensibiliser ses agents à différents niveaux, œuvre et le vulgariser dans le cadre de ses fonctions ;
  - 11° promouvoir tout le temps
  - 12° lutter contre l'idéologie de divisionnisme ;
  - 13° faire la déclaration conformément à la loi
  - 14° ne pas transférer son mandat le fait qu'il n'a pas commis
  - 15° lutter pour la transparence lumière sur des faits qu'il
  - 16° ne pas être négligeant ;
  - 17° ne pas être opportuniste ;
  - 18° ne pas être un béni-oui-oui ;
  - 19° ne pas se faire considérer
  - 20° travailler dans la transparence

### **CHAPTER III: CODE OF CONDUCT FOR LEADERS**

#### **UMUTWE WA III: IMYIFATIRE IGOMBA GUHORA IRANGA UMUYOBOZI**

##### **Ingingo ya 5: Amategeko n'amahame umuyobozi agomba kubahiriza**

Umuyobozi agomba kubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko, kandi ntahungabanye ubumwe bw'Abanyarwanda, ubusugire n'umutekano by'Igihugu.

##### **Ingingo ya 6: Imyitwarire myiza igomba kurangwa umuyobozi**

Umuyobozi agomba kurangwa n'imyitwarire myiza ikurikira:

- 1° gukunda Igihugu no gushyira inyungu zacyo imbere y'ize bwite;
- 2° kumenya, guteza imbere no kubaha uburenganzira bwa muntu, akabitoza abo ayobora n'abo akorana na bo;
- 3° gukorera muri demokarasi, mu mucyo no kujya inama n'abo bakorana;
- 4° kwakira neza no kumva abamugana;
- 5° kugira umuco wo gufatanya n'abandi no guha abo ayobora uburyo bwo gukora;
- 6° guhwitura abo ayobora, kubaha amabwiriza yumvikana atarimo urujijo no gukurikirana umurimo yabahaye;

##### **Article 5: Rules and principles that a leader must respect**

A leader shall abide by the Constitution, other laws, and avoid disrupting the unity of Rwandans, sovereignty and security of the country.

##### **Article 6: Good conduct that must characterize a leader**

A leader shall possess the following qualities:

- 1° patriotism and putting national interests before personal interests;
- 2° knowing, promotion and respect for human rights and encouraging subordinates and colleagues to do the same;
- 3° working within the principles of democracy, transparency and always consulting with workmates;
- 4° receptive and listening to all who approach him/her;
- 5° culture of team work and providing subordinates with means to perform their duties;
- 6° warning subordinates to respect clear directives and oversee implementation of tasks assigned;
- 7° respect for work schedule, time and submit reports where appropriate;

##### **Article 7: Code de conduite et des agents de chaque organe**

Outre le comportement général visé à l'article 6, l'agent doit respecter l'autorité organique, l'autorité d'une institution particulière de cette institution, des règles spécifiques de conduite et de performance des agents.

Ce code doit au moins préciser les conditions requises pour l'exécution des services rendus :

- 1° conditions requises pour l'exécution des services rendus ;
- 2° les délais limites de performance, les retards et des dommages aux bénéficiaires des services ;
- 3° l'organe de recours pour la procédure et les délais ;
- 4° les critères de référence des services soient légaux ou liés à la transparence ;
- 5° les instructions relatives au personnel ;
- 6° les mécanismes de résolution des conflits liés au travail et d'activités interpersonnelles ou à l'organe ;
- 7° le mode de recrutement et la transparence ;
- 8° les modalités d'attraction des ressources et la transparence ;
- 9° les modalités d'évaluation des performances et la transparence ;

## O. G. n° 24 of 15/12/2008

7° gukorera kuri gahunda, kubahiriza igihe no gutanga raporo aho agomba kuzitanga;

8° kuba intangarugero mu mvugo no mu bikorwa;

9° kwitabira umurimo no kuwunoza;

10° gukangurira abo ayobora gahunda ya Leta mu nzego zinyuranye, kuba intangarugero mu rwego rwo kuyishyira mu bikorwa no kuyimenyeshya abandi ahura na bo kubera imirimo ashinzwe;

11° guharanira buri gihe ubumwe bw'Abanyarwanda;

12° kurwanya ingengabitekerezo ya Jenocide n'andi macakubiri;

13° kugaragaza umutungo we hakurikijwe amategeko;

14° kutajyana urugo n'umutungo hanze y'igihugu bitewe no kutakigirira icyizere;

15° guharanira kugaragaza ukuri mu byo ashinzwe n'ibindi byose bijyanye n'imyitwarire ye, abyibwirije cyangwa abisabwe;

16° kutaba tereriyu;

17° kutaba nyamugwahashe;

18° kutaba nyamujyiyobijya;

19° kutigira ikigirwamana;

20° kudakorera mu bwiru.

### **Ingingo ya 7: Amabwiriza yihariye agenga imyifatire n'imikorere y'abayobozi n'abakozi ba buri rwego**

Uretse imyitwarire rusange ivugwa mu ngingo ya 5 n'ya 6 y'iri tegeko ngenga, umuyobozi w'urwego agomba gushyiraho no gutangaza amabwiriza yihariye agenga imyifatire n'imikorere y'abayobozi n'abakozi barwo ashingiyeye ku miterere yihariye ya buri rwego.

Ayo mabwiriza agomba nibura kuba akubiyemo:

1° ibisabwa kugira ngo ibyemezo bitandukanye birebana na n'imirimo bakorerwa abaturage bifatwe;

2° igihe ntarengwa ibyemezo bifatwamo hagamijwe kurinda abagana urwego rw'umurimo gutinzwa no kuburagizwa;

3° urwego rujuririrwa n'utanyuzwe, inzira n'igihe abikoramo;

4° ingingo ngenderwaho mu gufata ibyo byemezo, zaba izigendera ku mategeko

8° role model;

9° hard working and efficient;

10° sensitizing subordinates about Government programmes in different sectors and by virtue of his/her position, to be a role model when implementing and disseminating Government programmes;

11° advocacy for national unity;

12° fighting the genocide ideology and other forms of discrimination;

13° declaration of wealth in accordance with the law;

14° not to take his/her family members and property abroad due to lack of trust and confidence of his/her country;

15° striving for the truth when carrying out his/her duties and in any other matter regarding conduct whether willingly or upon request;

16° not be a careless person;

17° not be an opportunist person;

18° not to be a rubber stamp;

19° must not consider himself /herself a semi god; and

20° working in transparency.

### **Article 7: Special guidelines governing conduct for leaders and staff of each organ**

In addition to Articles 5 and 6 of this Organic Law, a head of an institution shall depending on its special organization make and disseminate special guidelines governing the conduct of its senior heads and staff.

Those guidelines shall at least cover the following:

1° requirements how various decisions related to serving the community are taken;

2° deadlines within which decisions are taken with the aim of protecting people institutions serve to avoid unnecessary delays and the feeling of hopelessness;

3° an institution that an aggrieved party appeals to, procedure and time frame within which to appeal;

4° guiding principles to follow when taking decisions with the view of enhancing transparency;

5° guidelines governing workers code of conduct;

organes auxquels il es

en application de ses d

10° les modalités et critèr

du personnel ;

11° les modalités de form

d'amélioration de le

performances ;

12° le calendrier et l'organ

responsables et des

résolutions prises et

application ;

13° les moyens de suivi

prévisions faites à son

Le responsable d'une institut  
population doit avoir mis à l'écr  
précédent endéans trois (3) moi  
présente loi organique au Jour  
Rwanda.

L'Office de l'Ombudsman contr  
présent article au niveau de chaq

## **CHAPITRE IV : COMPO** **INTERDITS AUX AUTORIT**

### **Article 8 : Agissements suscep** **discrimination et le divisionnis**

Il est interdit à toute autorité, da  
se baser sur le népotisme, su  
l'ascendance, la région, le sexe  
pouvant entraîner la discriminati

### **Article 9 : Autres agissements**

Il est également interdit à t  
agissements suivants :

1° refuser d'honorer ses  
contrats ;

2° donner des pots de v  
d'influence et d

enrichissement illicite,  
crimes relatifs à la corr

3° privilégier les intérêts  
de ceux du Rwanda ;

4° poser un acte ayant l'o  
du Gouvernement ou s

5° abuser lui-même ou  
ordres, abuser du

l'institution ;

6° s'approprier le patrim  
institution, un établis

sa direction ;

7° utiliser des propos  
dégradants, suspendre



## O. G. n° 24 of 15/12/2008

cyangwa ku mahame y'ubushishozi, hagamijwe gukorera mu mucyo;

- 5° amabwiriza agenga imyifatire y'abakozi;
- 6° uburyo ibibazo bwite byo mu kazi n'andi makimbirane aturuka ku mibanire cyangwa ku mikoranire ashobora gukemurirwa mu rwego rw'umurimo;
- 7° uburyo akazi gatangwa mu mucyo;
- 8° uburyo amasoko atangwa mu mucyo;
- 9° uburyo raporo y'ibikorwa ikorwa, abo ishyikirizwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yayo;
- 10° uburyo isuzumabikorwa ry'abakozi rikorwa n'ibyo rishingiraho;
- 11° uburyo abakozi bahabwa amahugurwa kugira ngo ubumenyi bw'akazi bwiyoungere kandi banarusheho kunoza uburyo bagakora;
- 12° inama z'abayobozi n'abakozi igihe zibera n'uko zikorwa, ibyemezo bizivuyemo n'uko bikurikizwa;
- 13° uko imibereho myiza y'abakozi ikurikiranwa n'ibikorwa bibateganyirizwa.

Umuyobozi w'urwego rutanga serivisi ku baturage agomba kuba yashyize mu nyandiko amabwiriza ari mu gika kibanziriza iki mu gihe kitarenze amezi atatu (3) kuva iri tegeko ngenga ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Urwego rw'Umuvunyi rugenzura iyubahirizwa ry'ibikubiye muri iyi ngingo muri buri rwego rw'umurimo rwa Leta.

### **UMUTWE WA IV: IMYITWARIRE N'IBIKORWA UMUYOBOZI ABUJIJWE**

#### **Ingingo ya 8: Ibujijwe umuyobozi byakurura ivangura cyangwa amacakubiri**

Umuyobozi wese, mu mirimo ye ya buri muni, abujijwe gushingira ku isanomuzi, ku bwoko, ku muryango, ku nzu, ku gisekuru, ku karere, ku gitsina, ku idini cyangwa ku kindi kintu cyose cyatuma habaho ivangura cyangwa amacakubiri.

#### **Ingingo ya 9: Ibindi umuyobozi abujijwe**

6° procedure how work-related problems and other interpersonal disputes emanating from work may be resolved internally;

7° transparent recruitment procedures;

8° transparent tender awarding procedures;

9° how an activity report is prepared, who it is copied to and how report resolutions are implemented;

10° basis and staff performance evaluation procedure;

11° procedural modalities how workers shall be trained in order to improve skills and efficiency;

12° schedules for management and staff meetings, how they shall be held and mode of implementing decisions emanating from such meetings; and

13° how the welfare of workers and other benefits shall be pursued.

The head of an institution that provides services to the community shall prepare written regulations referred to in the preceding paragraph within a period not exceeding three (3) months from the date when this Organic Law shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

The Office of the Ombudsman shall monitor the implementation of the preceding Article in each public institution.

### **CHAPTER IV: CONDUCT AND PROHIBITED ACTS**

#### **Article 8: Discriminative or segregate acts**

A leader shall while carrying out his /her daily duties be prohibited from acts based on nepotism, ethnicity, family, clan, ancestry, region, sex, religion, or any other act that may result in discrimination or divisionism.

#### **Article 9: Other prohibitions**

A leader shall be prohibited from the following:

employés dans des com  
diverses manières ;

8° violer le secret profes  
et/ou était chargé.

9° manifester des actes c  
vis-à-vis des opinions

10° user de méthodes dicta

11° utiliser sa position pou  
lois ;

12° mauvaise gestion ;

13° culte de la personnalité

14° autre comportement  
honneur, son rang insti

#### **Article 10 : Donner et accepter**

Il est interdit à toute autorité d'a  
des offrandes de quelque natur  
qu'autorité.

Toutefois, en cas de nécessité, l  
don selon les modalités fixées pa

#### **Article 11 : Règlements d'ordre des autorités**

Les activités et les comporte  
les autorités sont prévus dans  
régissant leur conduite suivant l  
qu'elles exercent.

### **CHAPITRE V : INCOMPATIBILITÉ DES FONCTIONS**

#### **Article 12 : Incompatibilités**

Toute autorité ayant des intérêt  
de compromettre de quelque fa  
les intérêts d'une institution de l  
des responsabilités, doit se décid  
en fonctions et s'en abstenir au  
fonctions.

Aussi longtemps qu'elle a un rô  
décision dont elle tire un int  
indirectement, du fait qu'il est d  
qu'elle pourrait y jouer, que ce  
avec les autres ou en donnant  
préparation, il est demandé à to  
ses supérieurs ou à son autorité  
nombre de ceux qui prennent la c

#### **Article 13 : Contrats interdits**

Il est interdit à une autorité, so  
une société dont il est actionn  
marchés publics.

L'autorité qui représente l'Eta  
détient des actions ou qui est c  
autorisée à signer un contrat de  
garantit des privilèges supérieurs  
autres employés.

## O. G. n° 24 of 15/12/2008

Umuyobozi abujijwe kandi ibi bikurikira:

- 1° kutishyura imyenda agomba hakurikije amategeko n'amasezerano;
- 2° gutanga ruswa no kuyakira, gukoresha igitinyiro n'ikimenyane, gutonesha, kwigwizaho umutungo mu buryo butemewe, gukora ibikorwa by'iyezandonke n'ibindi byaha bifitanye isano na ruswa;
- 3° gushyira inyungu z'Igihugu cy'amahanga imbere y'iz'u Rwanda;
- 4° gukora igikorwa kigamije gusebya Igihugu na Leta cyangwa kugishyigikira;
- 5° gukoresha nabi ubwe cyangwa kureka uwo ayobora agakoresha nabi umutungo wa Leta cyangwa w'ikigo;
- 6° kwigarurira umutungo cyangwa impano igenewe urwego, ikigo cyangwa serivisi ayobora;
- 7° gukoresha imvugo n'ibikorwa bigamije gusebanya, gutesha umuntu agaciro, guhagarika cyangwa gukura abakozi ku kazi mu buryo butemewe n'amategeko cyangwa kubaburubuza ku bundi buryo;
